Nta kintu cy'agaciro imbere ya Allah kiruta ubusabe

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Nta kintu cy'agaciro imbere ya Allah kiruta ubusabe."

[Hadithi nziza] [Yakiriwe na Tirmidhiy na Ibun Madjah ndetse na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko mu bikorwa byo kwiyegereza Allah nta kirusha agaciro kumusaba, kubera ko mu kuyisaba harimo kwemera ko Allah ari we Mukungu, no kwemera ko umugaragu ntacyo yishoboreye kandi ko acyeneye Allah.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5509